

**TWIZIHIZE YUBILE
Y'IMYAKA 75 YA PARUWASI
GISAGARA**

AMATEKA YATEGURIYE PARUWASI

Habanje kubaho Santrali ya Gisagara muri Misiyoni ya Save.

Misiyoni ya Save yashinzwe na Musenyeri Yohani Yozefu Hirty mu mwaka wa 1900. Iyoborwa na Terebura ariwe Pere Brard, na Bayitelemi ariwe Padri Bartelemy.

Abapadri bihutiye kugabanya muri Misiyoni uturere twitwa ubungubu SANTRALI. Muri izo Santrali bahubaka amazu yo kwigishili-zamo abigishwa bategurirwa kuzabatizwa. Bubaka n'amashuli mato yo kwigisha abana gusoma no kwandika.

Abigishwa bashoboye gutsinda bakimurirwa iSave, bakanonosora Gatikisimu na Bibiliya, hanyuma bakazahabwa amasakramantu ya Batisimu, Ukaristiya, Ugukomezwa, Peritensi-ya, n'ayandi.

Abana nabo bigaga imyaka ibili, abatsinze bakimurirwa iSave mu mwaka wa gatatu. Mu mwaka wa gatanu abatsinze bakimurirwa mw'iSeminari cyangwa mu Babikira. Nyuma yaho haje gushingwa Ikigo cy'amashuli yi-sumbuye I Butare.

Mu gace kaje kuvukamo paruwasi ya Gisagara, hari Santrali ya Gisagara, Santrali ya Gisanze, Santrali ya Muyira, Santrali ya Gakoma, Santrali ya Kirarambogo na Santrali ya Mugombwa.

Abapadri bavaga iSave ku maguru bakaza muri izo Santrali, bagashinga ihema mu rugo rw'umwalimu cyanga umukuru w'inama, bakamara icyumweru cyose bigisha, bagasoma misa, kandi bagatora abigishwa.

Byaratinze bukeye babona amapikipiki ya SAROLEA abafasha gukora izo ngendo; hari n'abazaga bahetswe n'indogobe.

Abakristu b'icyo gihe bari intwari ntangarugero. Bemeraga imvune zo kujya kwumva misa I Save ku maguru, ntacyo bariye, ntacyo banyoye, kuko amategeko ya Kiliziya yabuzaga abantu kurya no kunywa bari bujye guhabwa Ukaristiya.

ISHINGWA RYA PARUWASI

Muri 1943 **Padri Burkert** yavuye i Save, anyura i Gakoma, i Musha, ku Gisagara, ku Muyira, i Gisanze, ashaka aho yashinga indi Misiyoni. Yahisemo Gisagara.

Nuko **Frere Privati** nawe yaraje n'abafundi be; akorana ubuhanga n'ubwira, abumbisha amatafari n'amategura acanira amatanura. Yabanje kwubaka amazu y'agateganyo ku kibuga cy' amashuli yo ku I bereshi (Ubu hari ikigo cy'amashuri GS Gisagara A) . Inzu imwe iba icumbi rya Padri, indi iba iyo gusomeramo Misa.

Nyuma hakurikiraho kubaka Kiliziya nini ariyo dusengeramo uyu munsi. Hubaka n'i-cumbi ry'abapadri.

Umwaka wa 1944 watuzaniye umugisha uvuye I Kabgayi, utwikira uyu musozi wa Gisagara, wisanzurira mu mibande no mu mpinga za Ndora, Cyamukuza, Mukande, Dahwe, Muganza, Muzenga, Muyira na Gisanze. Turabyina, turalilimba, turahamili-za, turivuga, turahiga.

Imihigo yari iyo guhora dushimira Imana no kurushaho kuyikorera. Musenyeri Deprimoz atera amazi y'umugisha iyo Ngoro, ati: Nkwise "YEZU ATURWA IMANA MU NGORO".

Akarumbeti karavuga, Ingoma zirinikiza, Abafratri bo muri Seminari Nkuru ya Nyakibanda bat: " TE DEUM LAUDAMUS" . Hari ku wa 24/01/1944.

Ibyo biroli byitabiriwe n'abantu benshi: Umwami Mutara Rudahigwa yari ahari, akikijwe n'abatware b'intebi n'ibisonga. Hari abapadri benshi n'ababikira benshi, n'abakristu batabarika.

Buri muntu akifuza ko byakomeza aliko umunsi utubana mugufi.

Santrali ya Gisagara ariyo yaje kuba icyicaro cya Paruwasi Gisagra, Yayoborwaga n'umwalimu **SIRIYAKE GAHOGA** waturutse i Ruhashya hafi y'I Rubona. Inzu ye yari yubatse ahari icumbi ry'abapadiri. Yigishije abaturage barabatizwa, yigishije abana, bakomeza amashuli, ndetse muri bo hari umwana we wakomeje ajya mw'iseminari, bukeye aba umupadiri. Niwe Padri Sekundi Ntibazi-ga.

UBUTUNWA MURI PARUWASI

Paruwasi ya Gisagara ubu ihererye mu ntara y'amajyepfo, Akarere ka Gisagara, umurenge wa Ndora, akagari ka Gisagara , umudugudu wa Gisagara aha ni mu nzego za leta.

Mu nzego za kiliziya ihererye muri Diyosezi ya Butare, Duwayene ya Mugombwa.

Paruwasi ya Gisagara igizwe n'imiryango remezo 161, uturere tw'ubutumwa 22 na Santarari 4 : Gisagara, Gisanze, Muzenga na Kagoma.

Ifite kandi Sucurisale imwe ya Dahwe. Ibara rura ryakozwe mu mwaka wa 2018, ryagaragaje ko Paruwasi ya Gisagara ifite abakristu:39 586. ibarizwamo amashuri gatolika 11 n'ikigo nderabuzima 1 cya Kiliziya kiyoborwa n'ababikira b'Abizeramariya. Ivukamo abapadiri 15, ndetse nabiyeguriye Imana barenga 20 bari mumiryango itandukanye.

Paruwase ikaba ibarizwamo imiryango y'abiyeguriye Imana ikurikira:
 -ABIZERAMARIYA (Ababikira n'abafurere)
 -Ababikira basabira roho zo mu purgatori
 -Abavandimwe bato b'abana b'I Betelehemu (Ababikira n'abafurere)
 - Ababikira b'Abajambo (I Gishubi)

ISENGESHO RYA YUBIRE Y'IMYAKA 75 YA PARUWASI GISAGARA

Nyagasani Mana yacu Mubyeyi udukunda, Turagusingiza uko bikwiye; waturemye mu ishusho yawe uducunguza Umwana wawe Yezu Kristu, uduha urukundo, uratuyobora kandi uraturinda muri iyi myaka 75 paruwasi ya Gisagara imaze ishinzwe.

Turagushimira uyu mwaka wa yubile ya paruwasi yacu waduhaye n' Ingabire zinyuranye waduhundagajeho.

Turasaba imbabazi ku mateka mabi twanyuzemo n'ibikorwa bitagendanye n'ubukristu twakoze. Twisunze umubyeyi Bikira Mariya umwamikazi wa kibeho, kandi tuyobowe na Roho Mutagatifu, turagusaba ko paruwasi yacu yarangwa no kwivugurura m'ukwemera, Ineza, amahoro n'urukundo. Ibyo tubigusabye ku bwa Yezu Kristu uwami wacu. Amen

PARUWASI GATOLIKA YA GISAGARA-DIYOSEZI BUTARE

"Intego ya yubile: Paruwasi ni iyanje ndangamiye Kristu wakunze kiliziya maze akayitangira (Efez 5, 25)



YITIRIWE YEZU ATURWA IMANA MU NGORO

Adress:

- Email: gisagaracatholicparish@gmail.com
- Tel: 0788525796 (Padri Mukuru)
0788528723 (Komisiyo ya Yubile)
0788674071 (Inama Nkuru ya Paruwasi)
0788698681 (Umutungo wa Paruwasi)

UBUTUMIRE—INVITATION

Nyiricyubahiro Musenyeri Philippe RUKAMBA, umwepiskopi wa diyosezi Butare, afatanyije n'aba-kristu ba Paruwasi ya Gisagara, anejewe no

GUTUMIRA

Bwana/ Madamu/ Sr/ Fr

.....
**Mu birori byo kwizihiza yubile y'imyaka 75 paruwasi
Gisagara yisunze Yezu aturwa Imana mu Ngoro
imaze ishinzwe.**

Ibyo birori bizabimburiwa n'Igitambo cy'Ukaristiya
kizatangira i saa yine za mu gitondo ku Gisagara,
ku cyumweru taliki ya 30/06/2019.

Muzaze twese dufatanye gushimira Imana.



YEZU ATURWA IMANA MU NGORO